REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBURINGANIRE
N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO

# IBY'INGENZI BIRANGA UMURYANGO USHOBOYE KANDI UTEKANYE:

## MU BUKUNGU

- Kugira uruhare mu bikorwa biteza imbere ubukungu bw'umuryango no kwivana mu bukene,
- Kwizigamira no gukorana n'ibigo by'imari,
- Kwitabira gukoresha ikoranabuhanga mu iterambere ry'ubukungu,
- Kugira rondereza cyangwa ubundi buryo bwo guteka butangiza ibidukikije.

## MU MIBEREHO MYIZA

- Kugira inzu yo kubamo itari mu manegeka kandi ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura, inzu zigenewe amatungo yo mu rugo ku bayafite n'ubwiherero buboneye bufite isuku,
- Kugira isuku ku mubiri, isuku y'aho utuye no ku bikoresho byo mu rugo,
- Kutarangwamo imirire mibi
- Abana bose bari munsi y'imyaka 6 bagerwaho na serivisi za Gahunda Mbonezamikurire y'Abana Bato,
- Abana bose biga kandi bakurikiranwa mu myigire yabo ntibate ishuri,
- Guha abana uburere buboneye, barindwa gusambanywa n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose,
- Kugira ubwishingizi bw'indwara ku bawugize kandi bakivuza ku gihe,
- Kuboneza urubyaro.

## MU MIYOBORERE MYIZA

- Kutarangwamo amakimbirane n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina,
- Kurangwa n'indangagaciro z'umuco nyarwanda,
- Kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bagize umuryango,
- Kwirinda ibyaha, ruswa, ibiyobyabwenge no kugira uruhare mu kurinda umutekano w'abaturanyi,
- Kwitabira gahunda zose z'Igihugu: Umuganda, Umugoroba w'Ababyeyi (abagore n'abagabo), Itorero ryo ku mudugudu, Inteko z'abaturage n'izindi


www.migeprof.gov.rw
@RwandaGender
RwandaGender
rwanda_gender
2560